**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO KURAHIZA ABAHESHA B'INKIKO BATARI AB'UMWUGA, AB'UMWUGA N'ABANOTERI KU WA 04 UKWAKIRA 2016

Bwana Perezida w'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'umwuga;

Banyamategeko mumaze kurahirira kuba Abahesha b'Inkiko baba ab'umwuga n'abatari ab'umwuga namwe ba Noteri;

Nishimiye kubaha ikaze muri Minisiteri y'Ubutabera no mu mirimo mishya mumaze kurahirira.

Leta y'u Rwanda yashyigikiye ishyirwaho ry'Abahesha b'Inkiko b'umwuga bibumbiye mu Rugaga mu rwego rwo gukora ku buryo umuturage ahabwa ubutabera kugeza ku iherezo ryabwo ni ukuvuga kuva urubanza rutangiye kugeza aho umuntu ahabwa ibyo yatsindiye no mu rwego rwo kugira ngo imanza zirangizwe ari nyinshi abaturage babonere ubutabera ku gihe kandi bikozwe n'abikorera b'abanyamategeko.

Bamwe mu bayobozi b'Inzego z'Ibanze (Abanyamabanga Nshingwabikorwa kuva ku Karere kugeza ku Kagari) ndetse n'abandi bakozi ba Leta batandukanye (MINIJUST, Umuvunyi, …), mu nshingano basanganywe, bongereweho n'iyo kurangiza imanza mu rwego rwo kongera umubare w'abashinzwe kurangiza imanza, gukurikirana no gutanga inama ku irangizwa ryazo.

Abahesha b’Inkiko baba ab’umwuga cyangwa abatari ab’umwuga mukaba musabwa gufasha Leta kugera ku ntego yihaye ijya kubashyiraho kandi mukarushaho kuba inyangamugayo no gukurikiza amategeko.

By’umwihariko Abahesha b’Inkiko b’umwuga mugomba kurushaho guhesha agaciro umurimo wo kurangiza imanza mutareba cyane cyane igihembo muhabwa ahubwo mureba umusaruro uvamo.

Itegeko rigenga umurimo w’Abahesha b’Inkiko ririmo kuvugururwa mu rwego rwo kurushaho kunoza neza uwo murimo no gutuma uwategetswe kwishyura cyangwa kuriha iby’abandi wese asabwa kubikora ku neza atabikora bigakorwa kubw’itegeko kandi akirengera ikiguzi cyabyo. Ibiganiro hagati ya Minisiteri y’Ubutabera n’Inzego zitandukanye harimo n’Urugaga rw’Abahesha b’Inkiko b’umwuga bigeze kure. Turizera ko nirimara kuvugururwa, abaturage bazanogerwa n’imirimo bakorerwa yo kurangirizwa imanza ugereranyije n’uko byari bisanzwe kandi n’Abahesha b’Inkiko nabo bakazaryishimira kuko ririmo gusuzumwa hagamijwe inyungu zabo n’iz’abanyarwanda muri rusange.

Abahesha b’Inkiko batari ab’umwuga namwe, mu kurangiza imanza mushyira mu bikorwa ibyemezo by’Inkiko, mugomba kwibuka ko iyo umuturage arangirijwe urubanza aribwo aba abonye ubutabera bwuzuye. Murasabwa rero kujya mushyira imbere ibibazo byerekeranye no kurangiza imanza mutitwaje ko mufite akazi kenshi cyangwa se kuba bamwe mutari abanyamategeko kuko gukurikiza uko Urukiko rwategetse ntibisaba buri gihe ko bikorwa n’uwize amategeko, kandi ukeneye ubufasha ahita abuhabwa.

Abahesha b’Inkiko batari ab’umwuga ni abakozi ba Leta bahemberwa imirimo bakora, bityo ntibakwiye kwakira igihembo icyo aricyo cyose n’uwo barangirije urubanza. Ibi ariko ntibivuze ko uwatsinzwe urubanza atazajya yishyura ikiguzi cy’ibyakoreshejwe ndetse n’igihembo kigenewe Umuhesha w’Inkiko yitwaje ko ari Umukozi wa Leta ubihemberwa warurangije. Mu mushinga w’Itegeko navuze haruguru, hateganywamo ko icyo gihembo kizajya gitangwa kigashyirwa mu Kigega kigiye kujyaho cy’Ubufasha mu by’amategeko giteganywa muri Politiki y’Igihugu yo gutanga ubufasha mu by’amategeko.

Kuri mwe Abahesha b’Inkiko batari ab’umwuga mukaba n’Abayobozi muri Leta, sinasoza ntabasabye namwe kugira uruhare mu gushishikariza ababagana kugira umuco mwiza wo gushyira mu bikorwa ibyategetswe n’Inkiko batabanje kubihatirwa.

Ubunyangamugayo buri mu kurekura ku neza ibyo umuntu yatsindiwe naho ubundi kubimuhatira ni inshingano Leta izakomeza gushyiramo imbaraga.

Imirimo rero ibategereje mumaze kurahirira murasabwa kuyikora mu bunyangamugayo, umutimanama mwubahiriza amategeko.

Kugeza ubu imibare dufite igaragaza ko Abahesha b'Inkiko b'umwuga namwe mwarahiye uyu munsi mugiyemo urenze **400**; hashingiwe ku bateganywa n'Itegeko, Abahesha b'Inkiko batari ab'umwuga ni **2627** (Abanyamabanga Nshingwabikorwa **30** b'Uturere, **416** b'Imirenge, **2.147** b'Utugari na **03** bo muri Minisiteri y'Ubutabera, **01** wo ku Rwego rw'Umuvunyi ndetse na **30** bo muri MAJ), bose hamwe bakaba bagera kuri **3027** hatabariwemo abo mu ma Gereza n'ababihabwa n'amategeko agenga Ibigo bakoreramo.

Ibi bikaba bisobanuye ko nta rubanza rugeze igihe cyo kurangizwa rwagombye kubura ururangiza kuko umubare w'Abahesha b'Inkiko umaze kugera ku kigero gikwiye ugereranyije n'ibihe byashize.

Muri serivisi zihabwa rubanda harimo n'imirimo ya Notariya, ari nayo bamwe muri mwe mumaze kurahirira;

Hashingiwe ku biteganywa n'Itegeko, mu Gihugu hose hari aba Noteri bagera kuri **910** (ab'Imirenge **832**, abo mu Turere **60**, aba MINIJUST **03**, aba RGB **02**, aba RDB **02**, abo ku rwego rwa *zones* z'iyandikisha ry'ubutaka **10** n'Umubitsi w'Impapurompamo z'ubutaka **01**) hatabariwemo abo ku rwego rwa za *Ambassade* z'u Rwanda. Nagira ngo dusubize amaso inyuma twibuke igihe Igihugu cyari gifite noteri umwe rukumbi. Iki nacyo ni igipimo cy'imiyoborere myiza.

Kuri Noteri ku rwego rw'Akarere na ba Noteri banafite mu nshingano zabo irangamimerere mu Mirenge mufite inshingano zikomeye zo guha serivisi abantu batandukanye baza babagana basaba kwemeza inyandiko zabo zitandukanye ziri mu bubasha muhabwa n'amategeko, ndabasaba kimwe n'abandi bakora umurimo wa Noteri gukorana ubunyangamugayo n'ubushishozi muri iyo mirimo kuko imirimo mukora yaba iya notariya cyangwa iy'irangamimerere yose iramutse idakozwe neza yateza ibibazo mu baturage.

Ku Bahesha b'Inkiko batari ab'Umwuga murimo n'Abanditsi b'Irangamimerre nabibutsaga ko Itegeko rishya Nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga Abantu n'Umuryango ryavuguruye inshingano mwari mufite ku buryo hari n'iziyongereyeho,

nkaba mbashishikariza gusoma iryo Tegeko kugira ngo murusheho gusobanukirwa n’izo nshingano mubashe gutanga serivisi inoze.

Kuri ba Noteri mushinzwe imirimo ya Notariya mu by'ubutaka mu Mirenge, namwe mufite inshingano zikomeye mu gutanga serivisi z'abantu batandukanye babagana basaba Serivisi za notariya ziri mu nshingano zanyu zirebana n'ubutaka; kubera ko ibibazo byinshi bigaragara mu baturage bishingiye ku makimbirane ku butaka murasabwa kugira uruhare mu gukumira no gukemura ibyo bibazo mu bushishozi buhagije mushingiye ku biteganywa n’amategeko.

Nagira ngo kandi mbamenyeshe ko hagiye kuzajyaho ba Noteri bigenga kuko Itegeko ribemera ryamaze kujyaho, bikaba bizagabanya akazi ba Noteri bagiraga kandi bikorohera abaturage kubona serivisi mu buryo bwihuse tukaba tubasaba kuzakorana neza. Iteka rishyiraho ibiciro bizajya bitangirwa serivisi za Noteri wigenga naryo rikaba rizajyaho mu minsi ya vuba.

Mu gusoza nongeye gusaba mwese mumaze kurahira, Abahesha b’Inkiko na ba Noteri, guharanira gukomeza kuba inyangamugayo mu mikorere yanyu buri wese ku gite cye yubahiriza Amategeko kuko ari nabyo bizoroshya umurimo wanyu abaturage bakishimira serivisi mubaha bityo mwebwe bikabahesha ishema, n’Igihugu cyacu kikarushako gushinga imizi mu gutanga serivisi nziza kandi zihuse.

Minisiteri y’Ubutabera ikaba ibijeje ubufasha muzakenera bwose mu gushyira mu bikorwa inshingano mumaze kurahirira.

Mbifurije imirimo myiza.

**Murakoze.**